

**IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAME JEANNETTE
KAGAME MU IHURIRO RY' URUBYIRUKO N'IRUSHANWA
RYA ARTRWANDA – UBUHANZI.**

Kigali Convention Centre

Ku wa 15 Ukuboza 2018

**Ba Nyakubahwa ba Minisitiri,
Nyakubahwa Mayor w’Umujiyi wa Kigali
UNFPA Country Representative,
Ba Nyakubahwa ba Mayor,
Bafatanyabikorwa bacu,
Abahanzi turi kumwe uyu munsi ndetse n’imiryango
yanyu,**

Mwongeye kwirirwa!

Ni umunezero udasanze kubana namwe uyu munsi, muri iri huriro ry’*Abahanzi* buzuye ubuhanga, ubwenge n’impano zitangaje twabonye.

Munyemerere tubanze dufate akanya dushimire *Abahanzi* baza kwegukana iri rushanwa mu byiciro byose uko ari bitandatu (6) ndetse n’abaza kubona ibihembo by’imishinga yahize indi.

Mwarakoze kwitwara neza no kwerekana ubuhanga.

Abatari bubone ibihembo namwe si uko mutari abahanga, ahubwo ni uko irushanwa rigomba kugira uwa mbere n’abandi bamukurikira. Mwese mwagaragaje impano zidasanzwe, kandi muzabikomeze.

Ndaboneraho n'umwanya wo gushimira Abahanzi bari bagize akanama nkemurampaka, abatoza (coaches) babanye namwe muri uru rugendo.

Sinabura gushimira itangazamakuru ryacu, ku murimo ukomeye mwafatanyije natwe, mutarambirwa kandi mubikunze. Turabashimiye!

Mwagiye mubibona ndetse munabyumva, uru rugendo ntitwarubayemo twenyine, dufite abafatanyabikorwa twagendanye, baraduherekeza, mu kutugira inama, kungurana ibitekerezo, gutoza aba bahanzi ndetse n'ubushobozi bufatika.

Ibi bigwi rero si ibyacu twenyine, ahubwo tubisangiye nabo bose, baba abantu ku giti cyabo, inzego za Leta, abikorera namwe mwese mwaje kwifatanya natwe muri ibi birori.

Batumirwa turi kumwe uyu munsi,

Nk'uko mwakomeje kubikurikirana mu biganiro twagize kuva mu gitondo, uyu munsi duteraniye hano ngo twizihize Abahanzi ariko tunafate umwanya wo kuganira birambuye ku cyateza imbere *Urwego rw'umuco n'ubuhanzi* (Creative Arts industry).

Umuhanzi ni kimwe mu bikorwa twese nk'abantu dukeneye, kandi tunakoresha mu buzima bwa buri muni.

Umuhanzi kandi ni umwe mu bakozi bihangana ingorane zituruka ku mwuga w'umuntu (**'risques du métier'**) zirenze izo abandi twese duhura nazo. Iyo yicaye agafata umwanya wo kwandika, kuririmba, gushushanya, gutekereza umwenda wakundwa, n'ibindi; ntabwo aba yizeye ko indirimbo, igitabo, igisigo, umwenda abo abikorera bazabikunda. Nyamara ntacika intege, arakomeza kugeza arangije igihangano cye, kugeza ubwo cya gihangano kigera ku rwego rumushimishije.

Ukuri twese tuzi kandi kubabaje, ni uko ibyishimo by'umuhanzi bisa n'aho ari twe tubigenga. Dushobora kunezwe n'ibyo yahanze cyangwa ntibinadushimishe.

Ibi simbivugira kuvuguruza umuco mwiza dufite wo gushima no kugaya, ahubwo ndagira ngo dutekereze ku muhanzi nk'umuntu nkatwe, ugira amarangamutima yo kwishima no kubabara muri we. Ibyishimo tugira iyo twumva, dusoma, tureba cyangwa dukoresha ibihangano bahanze byakwiye kujyana n'uko tubafata n'uko tubafasha.

Abasobanukiwe iby'amateka kundusha murabizi, ubuhanzi ni kimwe mu bigize umuco wacu, guhera no mu Rwanda rwo ha mbere.

Imyigire, itumanaho cyangwa kumenyekanisha amakuru, imibereho ya buri munsu ndetse no guhererekanya ubumenyi hagati y'imiryango...byose byakorwaga hifashishijwe ubuhanzi.

Mwese muzi impanuro zumvikana mu migani yacu, muzi uko ingimbi n'abangavu bigishwaga, haba mu rubohero cyangwa mu itorero. Muzi kandi ko ushinzwe kumenyekanisha amakuru yajyaga ku musozi, agakoma ingoma kandi buri wese akaza kwakira ubwo butumwa nk'uko bwoherejwe.

Kuba twifitemo ubuhanzi bufite *isooko* mu mucu wacu, ni imwe mu mpamvu ikomeye yatumye, hatekerezwa ko umuco n'ubuhanzi byaba mu mirimo imwe ikwiye kwitabwaho mu kuzamura ubukungu bwacu no guha urubyiruko akazi.

Turashimira Minisiteri zifite mu nshingano guteza imbere umuco, ubuhanzi ndetse n'iterambere ry'urubyiruko muri rusange zabonye ko Imbuta Foundation ishobora kuba umufatanyabikorwa mwiza.

Ibikorwa byose dukora bigamije kwigisha, guhugura, duharanira ko ubumenyi cyangwa iterambere umuntu umwe agezeho bitaba ibye gusa, ahubwo bigirira n'abandi akamaro.

Bahanzi Bacu,

Nagira ngo mfate umwanya wihariye tunganire, nk'umuntu ukurikirana ibyo mukora kandi unabikunda.

Tubumva ho byinshi bitari byiza ariko kandi hari n'ibyo twibonera, nubwo iyo myitwarire itakwiriye kwitirirwa mwese kuko tubizi ko atari mwese muyifite.

Mufite inshingano ikomeye yo gukuraho invugo ivuga ko buri muhanzi, kugira ngo agire igikundiro, ashimishe abamukurikira, cyane abahura n'imbaga y'abantu benshi kandi kenshi, hari imyitwarire runaka agomba kugira, guhindura invugo, uko agaragara inyuma ku mubiri n'ibindi namwe muzi.

Gushaka gusa neza bitandukanye n'iby'abandi ntacyo bitwaye, ariko bibaye bitajyanye n'indangagaciro (**personal values**), ikinyabupfura n'ubushishozi, ntabwo byabageza kuri rya terambere twifuza ko buri munyarwanda ageraho.

Abahanzi turi kumwe uyu munsi babimazemo igihe, kuba tukibababona nk'ibirangirire ni uko babiharaniye.

Munyemerere mfate uyu mwanya, ndamutse kandi nshimire umuntu wambereye umutoza mu ikinamico, umubyeyi Kayishema n'abandi twakinanye bari hano muri salle n'ahandi muri rusange. Mwarakoze kudufasha kuguma no gukomera ku gicumbi cy'umuco wacu.

Bana bacu rero,

Kwiga no kwiyoungura ubumenyi ntibigira iherezo, niba uri umukinnyi mwiza w'ikinamico, ntibikubuza kwiga ibindi ukeneye kugira ngo ube umuhanzi wuzuye koko, ushobora gufatirwaho urugero n'abato.

Mwumvise abatuganirije barimo '*Dr Tom Close*'; wubatse kandi neza, wize ubuganga, ariko ntibyamubuza no gukurikirana izindi mpano afite.

Ubumenyi yakuye mu ishuri bumufasha gutekereza byagutse, none ubu ibyo akora bimufitiye akamaro we n'umuryango we, ariko natwe twese tubibonamo inyungu; ari abo aha akazi, ari abazasoma ibitabo yanditse, ndetse n'abazabicuruza.

Ubuhanzi mukora bwakwiye kurenga ibyo kwinezeza no gushimisha ababakurikira, mugatangira gutekereza imirimo

mwaha abandi muhereye mu bikorwa by'ubuhanzi, ibikorwa by'ubucuruzi ndetse n'iterambere muri rusange.

Bafatanyabikorwa,

Mu gihe twamaze tuzenguruka mu Ntara zose z'igihugu mu marushanwa y'ibanze, twahasanze impano zidasanzwe ariko bigaragara ko zinakeneye gushyigikirwa, ngo zaguke koko nkuko umurongo twihaye kugenderaho ubivuga “**Agura Impano Yawe**”.

Abayobozi mu nzego za Leta turi kumwe hano ndetse n'abadahari, mu izina ry'abo dufatanyije, nongeye kubashimira ubufatanye mwagaragaje muri iyi gahunda ya ArtRwanda – Ubuhanzi.

Turabasaba kandi gukorana n'abahanzi bagera hafi Magana atandatu (600), twagiye duhura nabo mu Ntara zitandukanye twanyuzemo.

Mubahe umwanya mu bikorwa by'ubukangurambaga, ibikorwa byo guhugura abakuru n'abato, imyidagaduro n'ibindi. Amazina yabo n'aho babarizwa birahari.

Abahagarariye imiryango n'ibigo byaba ibya Leta cyangwa abikorera, namwe turabashimira ko mukomeza gufatanya

natwe mu bikorwa byo guharanira iterambere ry'Umunyarwanda muri rusange cyane cyane urubwiruko.

Aba bahanzi twizihiza uyu munsi, nubwo begukanye iri rushanwa hari byinshi bagikeneye kwiga. Mubaherekeze, mubashakire uko bimenyereza umwuga.

Mwese aho mukorera mukenera kwamamaza, mukenera kwerekana amafoto cyangwa amashusho y'ibikorwa byanyu, mwakorana n'abanditsi...dutangira dutekereze uburyo bwiza twakoramo akazi kacu ka buri munsi dufatanyije n'abahanzi.

Bahanzi Bacu, ni byo mufite impano zitangaje, twifuza ko zaguka zikagira uruhare rugaragara mu iterambere ryanyu ubwanyu ariko n'umuryango muri rusange.

Mbijeje ko mutazabura ubakunda, ubumva, ubagira inama, ubashyigikira kandi duhari, ariko namwe birabasaba gukorana imbaraga mukaba abanyamwuga (professionalism), impano mufite muzinoze.

Ni byo mufite impano zidasanzwe, dushaka ko zaguka zikagira uruhare rugaragara mu iterambere ryanyu ubwanyu ariko n'umuryango muri rusange. Ariko rero nk'uko mubizi "**Akeza karigura**"! umwuga wanyu nimwe muzatuma tuwukunda kurushaho.

Mugerageze gukorera hamwe muri ibi byiciro murimo, muzamukire hamwe. Nibwo ijwi ryanyu rizumvikana kurushaho, ubashatse akababonera hamwe; bityo urwego rw'Umuco n'Ubuhanzi(Cultural and Creative Industry) , rukarushaho gutera imbere.

Munyemerere nsoreze ku kiganiro mwigeze kugirana n'Umukuru w'igihugu cyacu umwaka ushize: *“Have humility but also the strength to exercise your talent and go beyond being a spectator on the sidelines: I refuse to accept that we lack people of exceptional talent. We are ready to provide our support but you must be ready and willing to put in the work.”*

Ni koko rero turabafite, mufite impano zidasanzwe ariko muzaba abantu badasanzwe ariko mukomeje kurangwa n'umurava.

Mbifurije kuzagira Umwaka mushya muhire wa 2019!

Murakoze, mugire umunsi mwiza.